**REPUBULIKA Y'URWANDA**

**URUKIKO RW'IKIRENGA**

**URUKIKO RW'IBANZE RWA KIREHE**

## IMENYESHA RY'IMIKIRIZE Y'URUBANZA RC 00015/2019/TB/KRH

Twebwe NIZEYIMANA Sylvain, Umwanditsi w'Urukiko rw'Ibanze rwa Kirehe dushingiye ku ngingo ya 46 (1) y'itegeko No 22/2018 ryo kuwa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi;

Tumenyesheje UWAMAHORO Marie Claire ufite umwirondoro utazwi, akaba yarabarizwaga kuri telefoni No +250785575308 urubanza yarezwemo na HAKUZIMANA Jean Damascène rwaciwe kuwa 28/02/2019 n'Urukiko rw'Ibanze rwa Kirehe.

## ICYEMEZO CY'URUKIKO

RWEMEJE ko ikirego cyatanzwe na Hakuzimana Jean Damascène cyatanzwe mu buryo no mu nzira bikirikije amategeko, rugisuzumye rusanga gifite ishingiro.

RWEMEJE na none ko Uwamahoro Marie Claire afitiye Hakuzimana Jean Damascène umwenda ukomoka ku bukode bw'inzu ye atishyuye mu mezi icyenda(9) uhwanye n'amafaranga y'u Rwangda ibihumbi magana atanu na mirongo ine(540,000frw) ushobora kwiyongera kugeza igihe azamwishyurira.

RUTEGETSE Uwamahoro Marie Claire guha Hakuzimana Jean Damascène indishyi zihwanye n'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atatu(300,000), akanamusubiza amafaranga y'u Rwanda ibihumbi ijana(100,000)yatakaje akurikirana urubanza.

RUMUTEGETSE kandi gusubiza Hakuzimana Jean Damascène amafaranga y'u Rwanda ibuhumbi makumyabiri (20,000frw)avugwa mu rubanza RCA 00002/2019/TGI/NGOMA rwaciwe kuwa 07/01/2019 ndetse n'andi ibihumbi icumi (10,000frw) yatanze kuwa 08/11/2018,

aregera urukiko rw'Ibanze rwa Kirehe, igiteranyo cyayo akaba agomba kumusubiza amafaranga y'u Rwanda ibihumbi mirongo itatu(30,000frw), atayamuha mu gihe cy´ukwezi kumwe uru rubanza rubaye ndakuka; akajya amwishyura 4 % yayo buri munsi nk´indishyi z´ubukerererwe

Umenyeshejwe: UWAMAHORO Marie Claire

Italiki amenyesherejweho: Le 05/03/2019

Umumenyesheje: NIZEYIMANA Sylvain

Umwanditsi w'Urukiko